**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'ITORERO**
**www.nic.gov.rw**

# ITORERO RY'UMUDUGUDU KU RUGERERO RWO KURINDA IBYAGEZWEHO, KWIGIRA, KWIHESHA AGACIRO NO KWIKURA MU BUKENE, BYUBAKIYE KU MUCO N'AMATEKA BY'U RWANDA

## ITORERO RIGARUKA MU RWANDA

### 1. IRIBURIRO

Itorero ryahozeho mu Rwanda rwo hambere mbere y'umwaduko w'abakoloni ari "**Irerero**" Abanyarwanda batorezwagamo ibijyanye no kumenya umuco n'uburere by'Igihugu, gukunda umurimo, gukunda u Rwanda no kururwanira ishyaka, n'ibindi byose byabatozaga umuco wo kwigira no kwihesha agaciro bishingiye ku kumenya amateka basangiye n'indangagaciro na kirazira by'umuco nyarwanda.

Kuva 1900 Abakoloni bagera mu Rwanda Itorero n'Urubohero byararwanyijwe cyane. Mu 1924 Itorero ry'Igihugu ryasigaye aririyo gutoza urubyiruko guhamiriza maze intore zihinduka izo kwizihiza ibirori. Mu gihe cy'Ubutegetsi bwa KAYIBANDA Grégoire na HABYARIMANA Juvénal, Itorero ryakomeje kumvikana nk'iry'ababyina. Ibyo gutozwa kumenya u Rwanda, kurukunda no kururwanira ishyaka ndetse no kurangwa n'umuco w'ubutore mubyo ukora birayoyoka mu Gihugu kugeza kuri Jenoside yakorewe Abatutsi muri 1994. Mu gihe cyo kubaka amadini, bakoresheje ijambo 'Itorero' kugira ngo abaturage barikunde kuko bari bazi Itorero kandi barikunda.

Kuwa 22 Gashyantare 2007, mu mwiherero w'Abayobozi Bakuru wabereye mu "Akagera Game Lodge" hafashwe umwanzuro wo kugarura Itorero ry'Igihugu uko twarirazwe n'abakurambere. Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu na Komisiyo y'Ubumwe n'Ubwiyunge bashingwa gutegura itangizwa ry'Ibikorwa byaryo. Kuwa 14/11/2007 nibwo inama y'Abaminisitiri yemeje ko Itorero ry'Igihugu risubizwaho maze kuwa 16/11/2007, Perezida wa Repubulika y'u Rwanda, Nyakubahwa KAGAME Paul aritangiza ku mugaragaro imbere y'imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko y'u Rwanda.

Mu kuritangiza, Nyakubahwa Perezida wa Repubulika yabwiye Abanyarwanda ati: "Twaje gutangiza gahunda y'Itorero ry'Igihugu nk'uburyo twihariye kandi bukomoka ku muco nyarwanda". Yakomeje agira ati: "Itorero ry'Igihugu ryari ishuri ryo gutoza no kwigisha Abanyarwanda gukunda Igihugu, kukiyobora neza, guharanira ubutwari, kwanga ubuhemu, gufatanya gukemura ibibazo, no kwirinda ubutsimbanyi, n'ibindi n'ibindi..." Yarongeye ati buri

wese abe Intore mu byo akora; igihe ari umurezi urera abana be cyangwa ab'abandi akabarera Gitore.

Mu rwego rwo gutegura no gukurikirana ibikorwa by'Itorero, Leta y'u Rwanda yashyizeho "Task Force" y'Itorero tariki 24 Ukuboza 2007 yaje gusimburwa na Komisiyo y'Igihugu y'Itorero yashyizweho n'Itegeko 41/2013 ryo kuwa 16/06/2013.

Komisiyo y'Igihugu y'Itorero ifite intego rusange yo kubaka umunyarwanda ukunda igihugu, ukunda, umurimo ufite indangagaciro na kirazira by'umuco nyarwanda kandi ufite umuco w'ubutore.

Uwo muco w'ubutore ugaragarira mu mahame y'imikorere iranga intore nk'agira ati: „Intore ntiganya ishaka ibisubizo", „Intore si nanjye binyobere ni nkore neza bandebereho", „Intore ntiyoba no mu ishyamba ry'inzitane yishakira inzira", „Intore icyemura ibibazo byayo itabyimurira ku bandi", „Intore ntigambanira indi kirazira gutatira igihango", „Intore ntivunda ntisahinda ijabo ryayo riyiha ijambo". Intore kandi yimakaza indangagaciro nk'uko ziri mu muco w'Abanyarwanda n'uko ziri mu Nyandiko y'Icyerecyezo 2050 dusangiye nk'abanyarwanda zikurikira: Kwigira no kwihitiramo ibikugenga, kwihesha agaciro, Ubumwe n'Ubunyarwanda, Ubupfura/ubudahemuka, Uburinganire, Gukorera mu mucyo n'ubwisanzure, Kugira uruhare mu muryango mugari, Imiyoborere myiza no kumenya gusobanura ibyo ushinzwe, Kugira uruhare mu bikorwa rusange, Guhanga ibishya no guharanira ituze ry'Igihugu;

Itorero ry'Igihugu ritoza Abanyarwanda: Kugira Imyumvire y'indangagaciro na Kirazira basangiye mu mibanire yabo, Gukunda Igihugu no kugiteza imbere; Kumenya no gusobanukirwa imigambi y'Igihugu n'uburyo bwo kuyigeraho; Kwigirira icyizere cyo kwikemurira ibibazo no kwihesha agaciro; Kuba Intore zibereye Igihugu zigaragara mu byiciro byose kandi zikaba umusemburo w'impinduka nziza; Kugira umuco w'ubwitange mu gukorera Igihugu;
Kugira umuco w'ishyaka n'ishema ryo guhiga no kuvuga ibigwi no Gutoza abayobozi kuyoborana indangagaciro no kugira ishyaka ryo kuba indashyikirwa bityo bagatora ishyaka ry'u Rwanda;

Gutegura no gukurikirana ibikorwa by'ubwitange mu gukorera Igihugu, Gutoza Abanyarwanda kwimakaza indangagaciro na kirazira byubakirwaho imibanire n'iterambere ry'Igihugu; Gukorana no kugisha inama izindi nzego za Leta, izigenga n'imiryango itari iya Leta bitanga inyigisho ku ndangagaciro na kirazira.
Kugira ngo iyo ntego igerweho ibikorwa by'itorero byubakiye ku midugudu, mu mashuli, mu nzego z'imirimo no ku rugerero; buri ntore yose ikumva ko ubutore bwayo bugaragarira ku rugerero iriho .

Mu rwego rwo kuzuza inshingano yahawe n'itegeko, Komisiyo y'Igihugu y'Itorero yashyizeho ***amabwiriza no 01/2013 yo kuwa 12/11/2013 agena Imikorere y'Intore n'Uruhare rwazo muri gahunda yo guhindura imyumvire no kwihutisha iterambere.*** Muri ayo mabwiriza, harimo igice cyerekeye imiterere y'inzego z'itorero mu nzego z'ibanze, mu mashuri no mu nzego z'imirimo, imikorere y'intore n'uruhare rw'Abarinzi b'Indangaciro by'umwihariko, mu nzego z'ibanze, mu mashuri no mu nzego z'imirimo.



NATIONAL ITORERO COMMISSION

Kuva 2007 hatojwe intore mu byiciro bitandukanye: mu mashuri, mu nzego z'ibanze, mu nzego z'imirimo, intore zo ku rugerero, urubyiruko rwiga mu mahanga, abikorera n'abo mu Miryango Nyarwanda itari iya Leta. Buri rwego rwatojwe, rufite izina ry'ubutore, icyivugo n'imihigo biruranga mu Itorero ry'u Rwanda.

## 2. INYANDIKO SHINGIRO ITORERO RY'IGIHUGU RISHINGIRAHO GAHUNDA RIKORA.

### A. Itegeko Nshinga.

Mu irangashingiro ry'Itegeko Nshinga ryo muri 2003 ryavuguruwe mu mwaka wa 2015 urupapuro rwa 27 igika cya mbere havuga ko: « *Twiyemeje kubumbatira indagagaciro zacu zishingiye ku muryango, ku bupfura, ku gukunda Igihugu no guharanira ko inzego zose z'Ubutegetsi bwa Leta zikora mu nyungu z'Abanyarwanda twese* ».

### B. Intego z'Icyerekezo 2050

Icyerekezo 2050 kigamije kuvana u Rwanda mu rwego rw'ibihugu bifite ubukungu buciriritse rukazaba rugeze mu bifite ubukungu buhanitse aho umuturage agomba kuzaba yinjiza nibura ibihumbi 12.476 by'amadorari y'abanyamerika.

### C. Inkingi zishimangira gahunda, politiki n'ibikorwa byubakiweho NST1:

1. Ibipimo by'imibereho myiza biri hejuru: Kurenga kubona ibikenerwa by'ibanze mu buzima hagamijwe kugera ku bipimo by'imibereho myiza biri hejuru bifasha guhindura ubuzima bw'ingo n'abaturage. Hazibandwa kuri:

a) Kwihaza mu biribwa n'imirire iboneye ku buryo burambye, kugeza kuri bose ibikorwa by'amazi n'isuku,
b) Ingufu z'amashanyarazi zihendutse, zizewe kandi zirongorotse,
c) Uburezi n'ubuvuzi bufite ireme,
d) Imiturire n'imidugudu igezweho kandi yubahiriza ibidukikije n'ibihe,
e) Serivisi z'imari kuri bose,
f) Gahunda z'ubwiteganyirize no kurengera abatishoboye ziboneye,
g) Amahoro n'umutekano by'Igihugu n'Akarere

2. Guteza imbere ibikorwaremezo n'imibereho y'Ingo:
Kuvugurura imijyi minini, imijyi n'imidugudu yo mu cyaro ikarangwa no kubahiriza ibidukikije, ibikorwa na serivisi byo gutwara abantu n'ibintu, serivisi za Leta n'iz'abikorera zikora neza;

3. Impinduka zigamije uburumbuke (guteza imbere imirimo n'ibikorwa nyongeragaciro kandi bikenewe ku isoko): Kongera umusaruro n'ubwiza bw'ibikorwa binyuze mu bukerarugendo bunyuranye, ibyazamutungo rishingiye ku nganda zikora ibifite ubwiza ku isoko, serivisi z'ubucuruzi n'iz'imari, Itumanaho n'ikoranabuhanga, logistics n'ubwikorezi bwo mu kirere, kongerera agaciro ibikomoka ku buhinzi, ubumenyi no guhanga ibishya mu rwego

rw'ikoranabuhanga, ubwubatsi n'inganda z'ubucukuzi. Ibi byose bizubakira kuri serivisi zinoze mu nzego za Leta n'iz'abikorera.

4. Indangagaciro z'Icyerekezo 2050:

Indangagaciro iterambere ry'ubukungu n'imibereho ryubakiyeho ni ukwigira no kwihitiramo ibikugenga, kwihesha agaciro, Ubumwe n'Ubunyarwanda, ubupfura/ubudahemuka, uburinganire (harimo ubwuzuzanye bw'ibitsina, n'urubyiruko), gukorera mu mucyo n'ubwisanzure, kugira uruhare mu muryango mugali bikorwa rusange, imiyoborere myiza no kumenya gusobanura ibyo ushinzwe, kugira uruhare mu bikorwa rusange, guhanga ibishya no guharanira ituze ry'Igihugu;

5. Ubutwererane mpuzamahanga no kwihesha ijambo mu ruhando rw'amahanga:

U Rwanda ruzihesha umwanya mu isi mu rwego rw'ubufatanye mu karere, mu butwererane rw'ibihugu na mpuzamahanga, kwipakurura kugendera ku nkunga, ubufatanye bw'abanyafurika (Pan-Africanism) n'ubutwererane hagati y'ibihugu bikennye (South-South Cooperation).

Mu gice cya 4: Inkingi y'Imivugururire y'Imiyoborere ifite intego zagutse. Izi ntego zizagerwaho binyuze mu ngamba 6 (NIC irebwamo n'ebyiri iya mbere n'iya 6) n'ibikorwa bigari bikurikira.

**Ingamba ya mbere: Gushyigikira umuco nyarwanda n'indangagaciro zawo nk'ishingiro ry'amahoro n'ubumwe.**

Mu mirongo migari yo mu ngingo ya 77 dusanga muri NST1 hateganyijwe kwimakaza ururimi rw'Ikinyarwandda n'indangagaciro nyarwanda z'ubupfura/ubudahemuka, gukorera mu mucyo, kurwanya akarengane no kutihanganira ruswa mu Banyarwanda no mu miryango, mu nteganyanyigisho z'amashuri no mu rubyiruko. Ibi bizagerwaho ari uko Itorero rikora neza mu Midugudu yose no mu mashuri yose. **Hazashyirwaho Ikigo cy'Icyitegererezo cy'Itorero ry'Igihugu gitorezwamo uburere mboneragihugu kandi gifite ikigo nyunganizi muri buri Ntara, hagamijwe kwimakaza imyumvire yihutisha iterambere no kwigira kw'Igihugu.**

Ibi bigo nyunganizi bizagira uruhare rukomeye mu kubaka ubushobozi bw'abatoza b'imitwe y'intore yose uko ari 2148 (kuri buri kagari) n'ab'imidugudu yose uko ari 14837 n'abatoza b'amasibo y'Intore bafasha amasibo y'intore n'ingamba zayo gutora ishyaka ry'u Rwanda no kungendera hamwe basizanira kugera ku cyerecyezo dusangiye nk'Abanyarwanda.

**Ingamba ya 6: Kongera uruhare rw'abaturage, ubutiganda n'ubufatanye bwabo mu iterambere**

Imirongo migari mu ngingo y'104 ya NST1 yo kwimakaza umuco wo kwigira, gukorera hamwe, ubupfura/ubudahemuka, ubwisungane no gukunda Igihugu mu Banyarwanda no kwishakamo ibisubizo biberanye n'ibibazo bibangamira Abanyarwanda b'ingeri zose; Kongerera ingufu n'ubushobozi gahunda y'Igihugu y'Ubwitange (Urugerero) ibarizwa mu Itorero ry'Igihugu hagamijwe guhindura urubyiruko abaturage bahora bashishikajwe no kwigira no kuba intiganda.

Hashyizweho gahunda zo kwishakamo ibisubizo nka: Inkiko Gacaca, Ubudehe, Umuganda, Abunzi, n' Itorero ry'Igihugu na Girinka.



NATIONAL ITORERO COMMISSION

Inzego zitandukanye zagiye zishyiraho gahunda zikorerwa mu nzego z'ibanze hagamijwe kwegereza abaturage ibibakorerwa. Buri rwego rukanagenda rushyiraho abafashamyumvire barwo byatumye abafashamyumvire baba benshi, ugasanga hari abahurira ku nshingano ndetse bakaba banahurira ku muturage barenze umwe, babiri cyangwa benshi.

Nubwo izi gahunda zagize icyo zigeraho, haracyari imiryango 467,919 igizwe n'abantu 1,832,253 ibarirwa mu cyiciro cya mbere cy'ubudehe bihwanye na 15.7% by'Abanyarwanda bose. Icyiciro cya kabiri cy'ubudehe kibarirwamo imiryango 1,019,736 igizwe n'abantu 4,265,025 bahwanye na 36.6% by'Abanyarwanda bose,icyiciro cya gatatu cy'Ubudehe kibarirwamo imiryango 1,204,338 igizwe n'abaturage 5,508,481 bahwanye na 47.3% by'Abanyarwanda bose, n'icya kane kibarirwamo imiryango 7,873 igizwe n'abaturage 36,239 bahwanye na 0.3% by'Abanyarwanda bose.

Niyo mpamvu guhuriza hamwe izo gahunda n'abafashamyumvire bazo byarushaho kunoza imikorere no kwihutisha iterambere.

Gukorera mu Itorero ry'Umudugudu biciye mu Masibo y'Intore, mu Rugerero yaba inzira yo guhuriza hamwe izo gahunda n'abafashamyumvire bazo byatuma iterambere ryihuta. Itorero ry'umudugudu rikora neza ku rugerero rwo kwigira, kwihesha agaciro no kwikura mu bukene byubakiye ku muco n'amateka by'u Rwanda. Bikazatugeza kuri Gahunda ya Guverinoma y'imyaka irindwi (7) yo kwihutisha iterambere (NST1) 2017-2024 n'Icyerekezo cy'Igihugu cya 2050 .

## 3. ITORERO RY'UMUDUGUDU

Itorero ry'Umudugudu ni urubuga buri wese utuye Umudugudu atorezwamo kuba Umunyarwanda ukunda Igihugu, ukunda umurimo, ufite Indangagaciro na Kirazira by'umuco nyarwanda, kandi ufite umuco w'Ubutore.

Bityo rero, birakwiye ko Abaturage mu Mudugudu bitabira Gahunda zose za Leta bafite imyumvire y'Ubutore, ituma bagira Ubupfura n'Umurava mu mibereho n'imikorere yabo ya buri munsi.

Ibi bizagerwaho ari uko Itorero ry'Umudugudu, Amasibo y'Intore arigize n'Ingamba z'intore zirimo bibaye Umuyoboro unyuzwamo Gahunda zose za Leta zigamije gukemura ibibazo by'abaturage no kubateza imbere.

Ni yo mpamvu za Minisiteri n'Ibigo bifite gahunda zikorera mu Nzego z'Ibanze zikwiye kuba Abafatanyabikorwa b'Itorero, izo gahunda zose bayoboye zigakorerwa mu Masibo y'Umudugudu.

Ibi bizatuma Abaturage bagira uruhare muri izo gahunda zose, kandi zigere ku ntego zazo kuko bazabikorana umuco w'Ubutore urangwa n'Indangagaciro, bityo bishakemo ibisubizo mu BUPFURA, UMURAVA, UBWITANGE n'UBUKORERABUSHAKE.

Ibi byose bizagerwaho ari uko Itorero ry'Umudugudu rishinze imizi, rifite Imiterere n'Imikorere byubakitse kandi bikora neza.

## 3.1. IMITERERE Y'ITORERO RY'UMUDUGUDU

### a. Ingamba y'Intore

Ingamba y'Intore ni itsinda ry'abatuye Umudugudu riremwa hashingiwe ku byiciro by'imyaka y'abarigize.
Gushyira Intore mu Ngamba ni ugushyira Intore mu myanya ituma buri wese ahabwa ikivi agomba kusa bijyanye n'ikigero cy'imyaka ye.

Abagize Isibo bashyirwa mu ngamba ku buryo bukurikira:

**Ibirezi** ni Ingamba igizwe n'abana bafite imyaka 0 -5.
**Imbuto** ni Ingamba igizwe n'abana bafite imyaka 5- 12.
**Indirirarugamba** ni Ingamba igizwe n'abatuye Umudugudu bafite imyaka 12 - 18.
**Indahangarwa** ni Ingamba igizwe n'abatuye Umudugudu bafite imyaka 18 - 35.
**Ingobokarugamba** ni Ingamba igizwe n'abatuye Umudugudu bafite imyaka 35 - 55.
**Inararibonye** ni Ingamba igizwe n'abatuye Umudugudu bafite imyaka 55 kujyana hejuru.

### b. Isibo y'Intore

Isibo y'Intore ni itsinda ry'Intore rito rituma mu gihe cyo gutozwa no gutumwa, Intore zihuza imbaraga no kurushaho kumenyana mu Mudugudu. Isibo y'Intore igizwe n'ingo hagati ya 15-20 zegeranye.

Abagize izo ngo bagomba kuba babasha gukorana byoroshye no gusuzuma intambwe buri wese atera ku Rugerero rwo kwigira, kwihesha agaciro no kwikura mu bukene. Banafatanya gucyaha utatira igihango bafitanye.

### c. Itorero ry'Umudugudu

Itorero ry'Umudugudu rigizwe n'abaturage bose batuye Umudugudu. Kugira ngo Itorero ry'Umudugudu rikore neza ryigabanyamo Amasibo na buri Sibo y'Intore ikigabanyamo Ingamba z'Intore. Itorero ry'Umudugudu ni urubuga buri wese utuye umudugudu atorezwamo *"Kuba Umunyarwanda ukunda Igihugu, ukunda umurimo ufite indagagaciro na kirazira by'umuco nyarwanda kandi ufite umuco w'ubutore" ugaragarira ku mahame y'intore iginderaho no kwimakaza indangagaciro z'umuco nyarwanda. biyiranga mu mikorere yayo ya munsi. Amahame y'intore ni:* ***Intore ntiganya ishaka ibisubizo, Intore si nange binyobere ni nkore neza bandebereho, Intore ntiyoba no munzira y'inzitane yishakira inzira, Intore icyemura ibibazo byayo itabyimurira ku yindi, Intore ntigambanira indi kirazira gutatita igihango, Intore ntivunda ntisahinda ijabo ryayo riyiha ijambo.***

Itorero ry'umudugudu ritoza abawutuye kugira imyumvire y'indangagaciro na kirazira basangiye mu mibanire yabo, gukunda Igihugu no kugiteza imbere; Kumenya no gusobanukirwa imigambi y'Igihugu n'uburyo bwo kuyigeraho; Kwigirira icyizere cyo kwikemurira ibibazo no kwihesha agaciro; kuba Intore zibereye Igihugu zigaragara mu byiciro byose kandi zikaba umusemburo w'impinduka nziza; Kugira umuco w'ubwitange mu gukorera Igihugu; Kugira umuco w'ishyaka n'ishema ryo guhiga no kuvuga ibigwi .

Ritoza kandi Abanyarwanda kwimakaza indangagaciro na kirazira byubakirwaho imibanire n'iterambere ry'Igihugu; Gukorana no kugisha inama izindi nzego za Leta, izigenga n'imiryango itari iya Leta bitanga inyigisho ku ndangagaciro na Kirazira. Itorero ritoza kandi abayobozi kuyoborana indangagaciro no kugira ishyaka ryo kuba indashyikirwa; Gutegura no gukurikirana ibikorwa by'ubwitange mu gukorera Igihugu.

Itorero ry'umudugudu rikora neza ; ryimakaza ururimi rw'Ikinyarwandda n'indangagaciro nyarwanda z'ubupfura/ubudahemuka, gukorera mu mucyo, kurwanya akarengane no kutihanganira ruswa mu Banyarwanda no mu miryango, mu nteganyanyigisho z'amashuri no mu rubyiruko. kandi gahunda y'Igihugu y'Ubwitange /Urugerero ikongererwa ingufu n'ubushobozi hagamijwe guhindura urubyiruko abaturage bahora bashishikajwe no kwigira no kuba intiganda no kwimakaza umuco wo kwigira, gukorera hamwe, ubupfura/ubudahemuka, ubwisungane no gukunda Igihugu mu Banyarwanda no kwishakamo ibisubizo biberanye n'ibibazo bibangamira Abanyarwanda b'ingeri zose;

## 3.2. UMUCO W'UBUTORE UTOREZWA MU ITORERO RY'UMUDUGUDU

Mu Itorero ry'Umudugudu, Isibo y'intore iri ku rugerero itoza buri ntore kumenya u Rwanda ku rukunda no kururwanira ishyaka abagize isibo bagaterwa ishema n'uko buri wese uri mu isibo ari *Umunyarwanda ukunda Igihugu, ukunda umurimo ufite indagagaciro na kirazira by'umuco nyarwanda urangwa n'umuco w'ubutore*, afite imyumvire y'indangagaciro na kirazira asangiye n'abandi mu mibanire yabo, azi kandi asobanukiwe imigambi y'Igihugu n'uburyo bwo kuyigeraho, yifitiye icyizere cyo kwikemurira ibibazo no kwihesha agaciro; kandi ari umusemburo w'impinduka nziza; bikagaragarira mu umuco w'ubwitange mu gukorera Igihugu afite n' umuco w'ishyaka n'ishema ryo guhiga no kuvuga ibigwi umuranga.

## 3.3. INZEGO Z'ITORERO N'INSHINGANO

a) Umutwe w'Intore/Akagali
b) Itorero ry'Umudugudu
c) Isibo y'Intore/Ingo hagati y'ingo 15 na 20
d) Ingamba y'Intore ku byiciro by'imyaka y'abari mu ngo zigize isibo.

Ingamba y'Intore niryo tsindashingiro ry'Itorero ry'Umuduguda. Rihura byibuze rimwe mu cyumeru ku munsi n'amasaha bibanogeye.



NATIONAL ITORERO COMMISSION

Ingamba zose zigize isibo imwe y'Intore zihurira hamwe nk'Isibo y'Intore rimwe (1) mu byumweru bibiri (2) ku munsi n'isaha bibanogeye.

Amasibo yose agize Itorero ry'Umudugudu ahura nk'Itorero rimwe (1) mu kwezi ku munsi n'amasaha bibanogeye.

Amatorero yose agize Umutwe w'Intore (Akagari) ahura nk'Umutwe w'Intore ahura rimwe (1) mu mezi atatu (3) ku munsi n'isaha bibabereye.

## 1. INGAMBA Y'INTORE

Ingamba y'Intore iremwa hashingiwe ku bahuje icyiciro kimwe cy'imyaka y'ubukure.

Guhurira mu Ngamba bifasha kugabana imirimo no gukora nta muvundo. Gushyira intore mu ngamba ni ugushyira intore mu myanya ituma buri ntore ihabwa ikivi cyayo igomba kusa. Ibyiciro by'imyaka ni bitandatu (6) bikurikira:

IBIREZI: Imyaka 0-4
IMBUTO: Imyaka 5-12
INDIRIRARUGAMBA: Imyaka 13-18
INDAHANGARWA: Imyaka 19-35
INGOBOKARUGAMBA: Imyaka 36-55
INARARIBONYE: Imyaka 56 kujyana hejuru.

## 2. ISIBO Y'INTORE

Muri iki gihe abaturage bagituye batatanye, ingo zegeranye ziri hagati ya 15 na 20 ni zo ziremwamo Isibo kuko zibasha gukorana byoroshye no gusuzuma intambwe buri wese atera ku rugerero basangiye rwo kwigira, kwihesha agaciro no kwikura mu bukene byubakiye ku muco n'amateka by'u Rwanda.banafatanye gucyaha utatira igihango bafitanye.

Isibo y'Intore itoza kandi ikarema ishyaka mu bayigize. Buri muntu uri mu Isibo imuzamurira imyumvire akaba Intore iri ku rugerero rw'ibikorwa bigamije ko buri muryango uri mu Isibo yabo agera ku rwego rwo kwigira, kwihesha agaciro no kwikura mu bukene byubakiye ku murage wa Gihanga.

Bahategurira ibiganiro bigamije gusuzuma imigenzo n'imico y'ahantu bitera ibibazo by'umwanda, imirire mibi, uburere buke mu miryango, ibibazo by'ibiyobyabwenge n' ubwomanzi, icuruzwa ry'abantu, imiturire mibi n'isuku nke mu muryango, ingeso mbi n'umuco w'ubutore muke bigaragara mu bagize Isibo y'Intore no kwiremamo ishyaka ryo kwikura muri ibyo bibazo n'ibihano by'abatagaragaza ingamba zo kwikura mu bibazo kandi babishoboye.

Ibiganiro n'amagambo biba bike ahubwo *Kora ndebe n' imikorongiro* bikaba byinshi bishingiye kubyo Isibo y'Intore yagennye bigamije gukemura ibyo bibazo bakanatozwa ubuhanzi, ubuvanganzo, kuvuga neza ikinyarwanda n' intambwe y'intore bitoza ishyaka ry'u Rwanda.

## 3. ITORERO RY'UMUDUGUDU

a. Ku rwego rw'umudugudu bazatoza gusesengura amateka, inkomoko n'imiterere (sociology) y'ibibazo bahanganye nabyo muri gahunda yo kwigira, *kwihesha agaciro no kwikura mu bukene byubakiye ku muco n'amateka by'u Rwanda*; biyubakamo ishyaka ryo kuba intore zitaganya, zitari „nanjye binyobere" ahubwo zirangwa n'umuco w'ubutore ushingiye ku mahame y'intore n'indangagciro by'umuco nyarwanda bibatoza kwishakamo ibisubizo no gufatanya kwikemurira ibibazo.

b. Ryemeza urutonde n'ibigwi by'imiryango yihesha agaciro iharanira kwigira kandi yivanye mu cyiciro cy'ubukene ijya mu cyisumbuye. Abavuye mu cyiciro cy'ubukene bajya mu cyisumbuye bazamurikwa ku itariki ya 8 Werurwe ku munsi mpuzamahanga w'umugore, ku itariki ya 1 Gicurasi ku munsi mpuzamahanga w'umurimo, ku itariki ya 4 Nyakanga ku munsi wo kwibohora no mu cyumweru cy'Umuganura buri mwaka kiba muri Kanama

### 3.4. UMUTWE W'INTORE / AKAGARI

a. Urwego rw'Akagari rukurikirana imikorere y'abatoza b'itorero ry'umudugudu, n'ab'isibo y'Intore no kubaka ubushobozi bwabo mu *rugerero rwo kwigira, kwihesha agaciro no kwikura mu bukene byubakiye ku muco n'amateka by'u Rwanda* .

b. Gutegura ibitaramo by'ibigwi n'imihigo bitera ishema abikuye mu cyiciro cyo hasi bajya mu cyisumbuye ku itariki ya 8 Werurwe ku munsi mpuzamahanga w'abagore, ku itariki ya 1 Gicurasi ku munsi mpuzamahanga w'umurimo, ku itariki ya 4 Nyakanga ku munsi wo kwibohora no mu cyumweru cy'umuganura muri Kanama.

c. Kumurikira Igihugu amazina y'abanyarwanda n'imiryango yabo bikuye mu cyiciro cyo hasi cy'ubukene bagiye mu cyisumbuye kandi bafite ishema ryo kuba urugero ry'ibishoboka mu mudugudu wabo ku rugerero rwo kwigira, kwihesha agaciro no kwikura mu bukene.

d. Kumurikira Igihugu ibigwi n'ishema ry'amasibo yatumye abagize isibo bose bikura mu cyiciro cyo hasi cy'ubukene bijyana mu cyisumbuye.

### 3.5. ABATOZA B'ITORERO RY'UMUDUGUDU

**Abatoza b'Ingamba z'Intore.**

1. Intebe y'Ibirezi
2. Intebe y'Imbuto
3. Intebe y'Indirira
4. Intebe y'Indahangarwa
5. Intebe y'Ingobokarugamba
6. Intebe y'Inararibonye

NATIONAL ITORERO COMMISSION

**Abatoza b'Isibo y'intore.**

1. Mutwarasibo.
2. Intebe z'Ingamba uko ari 6
7.Umutoza w'umuganura
9.Umutoza w'isuku n'imirire iboneye.
10.Umutoza w'umuco n'uburere mu miryango
11. Umutoza w'intambwe y'intore.

**Itorero ry'Umudugudu**

Abatoza b'itorero ry'umudugudu.
1. Intore yo kumukondo ishinzwe urugerero rw'amasibo y'intore
2. Abatwarasibo batanu (5)
7. Umutoza w'Umuganura
8. Umutoza w'Urubohero: Ibyiwacu
9. Umutoza w'Intambwe y'intore
10. Umutoza w' Isuku n'imirire iboneye
11. Umutoza w'Umuco n'uburere mu miryango
12. Umutoza w'imyitozo ngororamubiri n'ubuzima buzira umuze.
13. Umutoza w'Umugoroba w'ababyeyi
14. Umutoza w'Agaciro TV
15. Umusuzumyi Mukuru

**Umutwe w'Intore/Akagali.**

1. Umutware w' umutwe w'intore, Perezida w'Inama Njyanama y'Akagali.
2. Intebe y'Umutware w' umutwe w'intore ushinzwe umuganura, ES w'Akagali.
3. Ushinzwe kubaka amatorero y'Imudugudu akora neza na JOC, SEDO.
4. Intore zo ku mukondo z'Amatorero y'Imidugudu igize Akagali.

## 3.6. KUBAKA UBUSHOBOZI NO GUKURIKIRANA IMIKORERE Y'ABATOZA B'ITORERO RY'UMUDUGUDU N'ISIBO Y'INTORE

Mu Imirongo migari yo mu ngingo ya 77 ya NST1 hateganyijwemo ko hazashyirwaho Ikigo cy'Icyitegererezo cy'Itorero ry'Igihugu gitorezwamo Umuco w'Ubutore, Kwigira no Kwihesha Agaciro n'izindi gahunda zitoza intore kumenya u Rwanda ku rukunda no kururwanira ishyaka kandi gifite ikigo nyunganizi muri buri Ntara, hagamijwe kwimakaza imyumvire yihutisha iterambere no kwigira kw'Igihugu bishingiye ku kwimakaza ururimi rw'Ikinyarwanda n'indangagaciro nyarwanda z'ubupfura/ubudahemuka, gukorera mu mucyo, kurwanya akarengane no kutihanganira ruswa mu Banyarwanda no mu miryango, mu nteganyanyigisho z'amashuri no mu rubyiruko. Ibi bizagerwaho ari uko Itorero rikora neza mu Midugudu yose no mu mashuri yose.

Mu mirongo migari iri mu ngingo ya 104 mu ngamba ya 6 igira iti: Kongera uruhare rw'abaturage, ubutiganda n'ubufatanye bwabo mu iterambere; Gahunda y'Igihugu y'Ubwitange /Urugerero izongererwa ingufu n'ubushobozi Hagamijwe guhindura urubyiruko abaturage bahora bashishikajwe no kwigira , kuba intiganda no Kwimakaza umuco wo kwigira, gukorera hamwe, ubupfura/ubudahemuka, ubwisungane no gukunda Igihugu mu Banyarwanda no kwishakamo ibisubizo biberanye n'ibibazo bibangamira Abanyarwanda b'ingeri zose;

Ibigo nyunganizi by'Itorero ry'Igihugu ku rwego rwa buri ntara n'umujyi wa Kigali bizagira uruhare rukomeye mu kubaka ubushobozi bw'abatoza b'imitwe y'intore yose no gukurikirana imikorere yabo bose uko ari 2148 n'ab'imidugudu yose uko ari 14837 bityo bafashe amasibo y'intore n'ingamba zayo gukora neza no gutora ishyaka ry'u Rwanda basizanira kugera ku cyerekezo dusangiye nk'Abanyarwanda.

**Umurenge mu kubaka Ubushobozi bw'Itorero ry'Umudugudu.**

Buri rwego rufite inshingano zo kubaka ubushobozi bw'abatoza bari ku rwego rukuriye by'umwihariko Umurenge nk'urwego rufite abakozi, ingengo y'imari n'abafatanyabikorwa ufite inshingano zo kubaka ubushobozi, guhuza no gukurikirana ibikorwa byo mu mitwe y'Intore y'utugari twose, Itorero rya buri mudugudu n'Amasibo y'Intore.

**Icyitonderwa:** Mu rwego rwo gutuma intore zagiye ku rugerero ruciye ingando ziba abaranga b'Itorero ry'Igihugu mu tugali batuyemo, Intore zose zagiye ku rugerero ruciye ingando zituye mu murenge zizajya zifashishwa muri gahunda zo kubaka Itorero ry'Umudugudu rikoraneza , no gutegura urugerero ruciye ingando kandi bagire uruhare mu micungire yarwo ndetse n'izindi gahunda zifitanye isano nabyo mu kagari nka gahunda y'intore mu biruhuko, gutoza intambwe y'Intore n'izindi; Hazateganywa aho bazajya bacumbikirwa ku rwego rw'umurenge igihe bari muri iyo mirimo kugirango ibikorwa byabo bitange umusaruro ubategerejweho.

**Inshingano z'Abatoza b'Intore ku Murenge**

1.Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge ni Intebe y'Imitwe y'Intore iri mu Murenge
2. Ushinzwe irangamimerere niwe ushinzwe kubaka Itorero ry'Umudugudu rikora neza.
3. Ushinzwe Imibereho Myiza niwe ushinzwe uburere n'umuco mu miryango.
4. Ushinzwe ubuhinzi n'ubworozi niwe ushinzwe umuganura no kumenya abaturage byavuye ibyiciro bajya mu cyisumbuye.
5. Ushinzwe uburezi mu murenge niwe ushinzwe gukurikirana imikorere y'abatoza b'intore no kububakira ubushobozi.
6. Abagize inzego z'umutekano batoza ukwiyereka.

NATIONAL ITORERO COMMISSION

**Urwego rw'Akarere.**

Akarere ni urwego rushinzwe kubaka ubushobozi bw'Abatoza b'Imirenge n'Utugari no gukurikirana ko Amasibo y'Intore mu Itorero ry'Umudugudu bikora neza kandi akurikirane ko inshingano za buri mutoza w'intore zumvikana n'ibikoresho acyeneye bibonetse bafashe kandi Intore zo ku Mudugudu, Abatoza b'imitwe y'intore ku utugari n'ab'imirenge gushyiraho igenamigambi n'ingengabihe y'ibikorwa bitorezwamo intore kumenya u Rwanda kurukunda no kururwanira ishyaka byubaka umuco w'ubutore hagamijwe kwimakaza imyumvire yihutisha iterambere no kwigira kw'Igihugu.

**Inshingano z'Abatoza bo ku rwego rw'Akarere**

1. Umutware w' Umutwe w'Intore z'Akarere Umuyobozi w'Akarere umutoza w' umuganura w'Itorero ry'imidugudu n'imitwe y'intore y'utugali.
2.Umuyobozi ufite imiyoborere myiza mu nshingano ze umutoza wo kubaka Itorero ry'Umudugudu rikora neza.
3. Umuyobozi ufite uburezi mu nshingano , Umutoza w'Intambwe y'intore,
4.Umuyobozi ufite ubuhinzi n'ubworozi mu nshingano ze Umutoza ushinzwe gutegura umwaka w'umuganura n'imicungire y'ibyiciro by'ubucyene.
5.Umuyobozi ufite imibereho myiza mu nshingano ze, umutoza w' umuco n'uburere mu miryango .
6. Umukuru wa DJAF Umutoza w' Urubohero rugamije kwigira no kwihesha agaciro..
7. Abagize inama y'umutekano mu karere abatoza bo gushakira imbuto n'amaboko itorero ry'umudugudu .
8. Umukozi ushinzwe ibikorwa by'itorero ry'igihugu mu karere , umukuru wa JOC y'ibikorwa by'Itorero mu karere.

**Inshingano z'Abatoza bo ku rwego rw'Intara/Umujyi wa Kigali.**

Urwego rw'Intara/Umujyi ruzakurikirana itangizwa ry'imikorere y'Ikigo Nyunganizi cy'Itorero ry'Igihugu mu Ntara/Umujyi nk'uko biri muri Gahunda ya Guverinoma 2017-2024 runashyigikire imikorere yacyo. Ibi bigo nyunganizi bizagira uruhare rukomeye mu kubaka ubushobozi bw'abatoza b'imitwe y'intore yose uko ari 2148 n'ab'imidugudu yose uko ari 14837 n'amasibo y'intore yose bafashe amasibo y'intore n'ingamba zazo gutora ishyaka ry'u Rwanda no kungendera hamwe basizanira kugera ku cyerekezo dusangiye nk'Abanyarwanda.

## 3.7. KURAMBAGIZA NO KWEMEZA ABATOZA B'INGAMBA Z'INTORE, AMASIBO Y'INTORE, ITORERO RY'UMUDUGUDU N'AB'IMITWE Y'INTORE.

Mu gutoranya abatoza bakurikiza ihame ry'intore ry'uko Umutoza w'intore ari "nkore neza bandebereho" kandi gutoreza mu isibo y'intore n'itorero ry'Umudugudu n'umutwe w'intore ku kagari bihoraho bityo ko "atoza icyo aricyo adatoza amagambo gusa", ko "kora ndebe ye iruta vuga numve".

Ku rwego rw'Isibo y'Intore hazajya habaho buri mwaka Umuhango w'intore mu zindi winjiza mu ngamba nshya abahinduye icyiciro cy'ubukure bakanasezerwa mu cyiciro babarizwagamo. Inyoborabatoza mu Itorero ry'Umudugudu ikwiriye kuba mu majwi n'amashusho ibafasha kumva neza no kwerekera icyo basabwa gukora, uko bagikora, ubuhamya bw'inyungu z'ibikorwa neza n'ingero z'ingaruka z'abibikora nabi kandi amahugurwa ategurwa n'Akagari n'Umurenge azajya ashingira ku bikorwa by'amasibo aho gusomerwa gusa inyandiko n'amabwiriza byoherejwe.

**UMUSOZO**

Guhuriza hamwe imbaraga n'ubushobozi by'inzego zitandukanye mu Isibo y'Intore n'Itorero ry' Umudugudu bikora neza bizatuma gahunda zose zunganira umuturage kwikura mu bukene no kwihutisha iterambere bigerwaho vuba; bizafasha kubaka mu banyarwanda umuco wo kwigira, kwihesha agaciro, kwishakamo ibisubizo no kwikura mu bukene byubakiye ku muco n'amateka by'u Rwanda bizatuma intero **"Ijabo riduhe ijambo"; "Tugire ubukire tubukoreye dufatanyije twese hamwe, kandi vuba"** biba impamo mu Banyarwanda no kugera ku cyerekezo dusangiye byihute. **" Ubumwe bw'Intore bunoza intambwe".**

***Itorero ni ifumbire y'ubwenge***

Bikorewe i Kigali, kuwa 10/08/2018

**BAMPORIKI Edouard**
**Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Itorero**